# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

GASHYANTARE 2024

## NYAMAGABE: MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU YASHIMYE IBIKORWA BY'UBUHINZI



SOMA PAJI YA 2-3

SOMA PAJI YA 11

## ABAKOZI BO MU BUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA BW'UMURYANGO UNITY CLUB BASUYE IBIKORWA WAKOREYE MU MURENGE WA CYANIKA



SOMA PAJI YA 7

## NYAMAGABE: UMUNYAMABANGA UHORAHO MURI MINEMA YASHIMYE IBIKORWA BY'UMUSHINGA "JYA MBERE"





SOMA PAJI YA 4

## NYAMAGABE: UMUNSI W'INTWARI Z'IGIHUGU WIZIHIJWE HAZIRIKANWA IBIKORWA BYAZIRANZE

# NYAMAGABE: MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU YASHIMYE IBIKORWA BY'UBUHINZI



**Minisitiri wa MINALOC Hono. MUSABYIMANA yasuye Akarere ka Nyamagabe**

Ku wa 09 Gashyantare 2024, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Nyakubahwa Jean Claude MUSABYIMANA aherekejwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Alice KAYITESI yasuye Akarere ka Nyamagabe ashima ibikorwa by'ubuhinzi by'umwihariko ubw'ibirayi yasanze mu Murenge wa Buruhukiro.

Mu Karere ka Nyamagabe, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yabanje gusura Umudugudu w'Icyitegererezo wa Tare utuyemo imiryango igera kuri 56 itaragiraga aho iba yaturutse hirya no hino mu Murenge wa Tare.



**Minisitiri Hono. MUSABYIMANA yasabye abatujwe muri uyu Mudugudu gufata neza inzu bubakiwe**

Minisitiri MUSABYIMANA yabwiye abatujwe muri uyu Mudugudu ko Leta izakomeza gukora uko ishoboye kose ikita ku batishoboye ihereye ku bababaye kurusha abandi binyuze ahanini muri gahunda zitandukanye nka VUP n'izindi.

Yabasabye gufata neza inzu bubakiwe, kugira ngo zizarambe bityo Leta ibone n'uko yita ku bandi batishoboye.

Mbere yo kuva muri uyu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Tare, Abayobozi batandukanye basuye Urugo Mbonezamikurire rw'Abana bato( ECD).



**Minisitiri wa MINALOC Hono. MUSABYIMANA yasuye ECD ibarizwa mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Tare**



**Guverineri Alice KAYITESI aha umwana amata**



**Minisitiri Hon. MUSABYIMANA ubwo yageraga muri Buruhukiro**

Nyuma yo kuva muri uyu Mudugudu, Minisitiri MUSABYIMANA yasuye ibikorwa by'ubuhinzi bw'ibirayi mu Murenge wa Buruhukiro ndetse aganira n'abaturage bo muri uyu Murenge n'abo muri imwe mu yo bihana imbibi ari yo Mushubi na Musebeya.

Yabashimiye umuhate bashyize mu buhinzi, bigatuma umusaruro wiyongera.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yabashimiye kandi umutekano urangwa mu gace batuyemo, abasaba gukomeza kuwubungabunga by'umwihariko barinda Pariki ya Nyungwe kugira ngo ikomeze ibazanire ibyiza.

Yabasabye kandi kwirinda amakimbirane mu miryango n'ibindi byose byatuma batagera ku iterambere bifuza.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Jean Claude MUSABYIMANA afatanyije na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Alice KAYITESI, Ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Imirenge ya Buruhukiro, Musebeya na Mushubi bakiriye ibibazo by'Abaturage ndetse bihabwa umurongo.



**Mu Murenge wa Buruhukiro, abaturage bitabiriye Inteko y'Abaturage yayobowe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

## NYAMAGABE: UMUNSI W'INTWARI Z'IGIHUGU WIZIHIJWE ABABYEYI BASABWA GUTOZA ABANA BABO UMUCO W'UBUTWARI HAKIRI KARE




**Kwizihiza Intwari z'Igihugu byabanjirijwe n'akarasisi**

Ku wa 01 Gashyantare 2024, Kuri Sitade Nyagisenyi iherereye mu Murenge wa Gasaka habereye ibirori byo kwizihiza ku nshuro ya 30 Intwari z'Igihugu, ababyeyi basabwa gutoza abana babo umuco w'ubutwari hakiri kare.

Ibi birori byabanjirijwe n'akarasisi ndetse n'imurikabikorwa by'Abikorera n'Abanyeshuri bo mu Murenge wa Gasaka.



**Kwizihiza Intwari z'Igihugu byaranzwe kandi n'imurikabikorwa**

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko kwizihiza Umunsi w'Intwari ari amahirwe yo kuzirikana ibikorwa byaziranze.

Yaragize ati: "Kwizihiza Umunsi w'Intwari ni amahirwe yo kuzirikana ibikorwa byaziranze byiganjemo ibyo kugira ishyaka, umurava, gukunda Igihugu, kucyagura, kukirinda no kukitangira. Ndabasaba mwese kuvoma mu ndangagaciro z'ubutwari, tugashyigikira Ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu mu guteza imbere u Rwanda n'Abanyarwanda kuko ari ko kwagura Igihugu cyacu dusabwa n'Intwari zatubanjirije".

Yasabye kandi Ababyeyi kuzirikana ko umuco w'Ubutwari utozwa abana bakiri bato, bityo bakaba bagomba kuwubatoza hakiri kare cyane cyane bongera amasaha y'ibiganiro mbere yo kuryama.



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye ababyeyi gutoza abana babo umuco w'ubutwari hakiri kare**

By'umwihariko yasabye Urubyiruko kwirinda ibyonnyi birimo ubusinzi, ibiyobyabwenge no kwiyandarika.

Umunsi w'Intwari z'Igihugu wizihijwe ku nshuro ya 30, wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Ubutwari mu Banyarwanda, agaciro kacu."

Umunsi w'Intwari z'Igihugu ntiwizihirijwe mu Murenge wa Gasaka gusa, kuko no mu yindi Mirenge igize Akarere naho wahizihirijwe by'umwihariko ku rwego rw'Umudugudu.

# UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YAYOBOYE INAMA MPUZABIKORWA YA ISANGE ONE STOP CENTER



**Abagize Komite ya Isange One Stop Center ku Karere**

Ku wa 02 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye Inama Mpuzabikorwa ya Isange One Stop Center.

Iyi nama iba rimwe mu gihembwe yarebeye hamwe ibikorwa bya Isange one Stop Center byakozwe mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2023-2024 bifasha uwahohotewe gusubira mu buzima busanzwe n'ibindi.



**VM ASOC UWAMARIYA ni we wayoboye inama ya Isange One Stop Center**

Isange One Stop Center ni Ikigo gifasha abahohotewe, kibagira inama ndetse kikanakurikirana ko ababigizemo uruhare bashyikirizwa Inzego z'Ubutabera.

Ibigo nk' iki byakwirakwijwe mu Bitaro by'Uturere kugira ngo abagize ibyago byo guhohoterwa bose babone ubufasha bukwiye kandi ku gihe.

Isange One Stop Center yashinzwe mu mwaka wa 2009 ku bufasha bwa Madamu Jeannette Kagame, itangira ikorera muri Polisi y'u Rwanda mu gufasha, kwita, kuvura, kumva no gukurikiranira hafi uwo ari we wese wakorewe ihohotera.



**Umuyobozi wa RIB ku Karere ni umwe mu bagize Komite ya Isange One Stop Center**

# KAMEGERI: UMUYOBOZI W'AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU KAGARI KA KAMEGERI



**Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage mu Kagari ka Kamegeri**

Ku wa 06 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Kamegeri, mu Murenge wa Kamegeri.

Bimaze kumenyerwa ko buri wa Kabiri wari buri cyumweru ko mu Tugari twose haba Inteko z'Abaturage.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere na bo bifatanya n'abaturage muri izi Nteko.

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI we yifatanyije n'abo mu Kagari ka Kamegeri, mu Murenge wa Kamegeri.

Yatangiye abashimira ku bw'umuhate bagize mu guhinga ubutaka butahingwaga, ibyatumye umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi wiyongera.

cyakora yabasabye kutadohoka kuri uyu muhate mu rwego rwo gukomeza kwihaza mu biribwa kandi bagafata neza umusaruro bejeje.

Yabasabye kandi guhuza ubutaka, bakabuhingaho igihingwa kimwe cyatoranyijwe, bagakoresha inyongeramusaruro biyandikisha muri Smart Nkunganire.



**Inteko y'Abaturage yari yitabiriwe ku bwinshi**

Mayor NIYOMWUNGERI yibukije ababyeyi ko kujyana Abana mu ishuri ari itegeko kandi ari umurage mwiza baba babahaye.

Yabasabye kandi kwirinda amakimbirane mu miryango, ubusinzi n'izindi ngeso mbi.

Abaturage bari bafite ibibazo bahawe umwanya barabibaza, binahabwa umurongo.



**Mayor yacinyanye akadiho n'Abaturage**

# UMUNYAMABANGA UHORAHO MURI MINEMA YASUYE IBIKORWA BY'UMUSHINGA "JYA MBERE"



**Umuyobozi w'Akarere yakiriye PS wa MINEMA n'Abaterankunga ba "Jya Mbere"**

Kuva ku wa 07 kugeza ku 08 Gashyantare 2024, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Philippe HABINSHUTI ari kumwe n'abaterankunga b'Umushinga "Jya Mbere" barimo Banki y'Isi n'abandi bagiriye uruzinduko rw'iminsi 2 mu Karere ka Nyamagabe.

Uru ruzinduko rwari rugamije kureba uko ibikorwa by'uyu Mushinga ugamije kwegereza Impunzi n'Abanyarwanda serivisi z'ibanze zibafasha mu iterambere, koroherezwa gukorana n'Ibigo by'Imari n'ibindi mu Turere dufite Inkambi z'Impunzi bihagaze.



**Basuye ibikorwa by'Umushinga "Jya Mbere" birimo ibyumba by'Amashuri byubatswe mu Mashuri atandukanye**

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wabakiriye yavuze ko Umushinga "Jya Mbere" wagize uruharere rukomeye mu kuzamura imibereho y'Impunzi zo mu Nkambi ya Kigeme n'iy'Abanyarwanda baturanye nayo.

Yaragize ati: "Binyuze mu Mushinga "Jya Mbere", Impunzi zo mu Nkambi ya Kigeme zisaga 140 zatse inguzanyo zibasha kwiteza imbere, izindi na zo zifashishije ubutaka zatijwe n'Akarere ziteza imbere binyuze mu buhinzi zifatanyamo n'Abanyarwanda baturanye n'iyi Nkambi."

Ikindi kandi bitewe n'ibyumba by'Amashuri byubatswe binyuze muri uyu Mushinga, ireme ry'uburezi ryarazamutse cyane mu Karere kacu, dore ko Ibigo by'Amashuri byubatswemo ibi byumba byaje mu byatsindishije neza mu bizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2020-2023.

Turabizeza ko inkunga Akarere kazabona mu kiciro cya kabiri cy'uyu Mushinga nayo tuzayikoresha neza mu rwego rwo gukomeza kuzamura imibereho y'Abagenerwabikorwa bawo.

Binyuze mu Mushinga "Jya Mbere" ushyirwa mu bikorwa na Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) ku nkunga ya Banki y'Isi, kuva mu mpera z'Ukwakira 2019, mu Karere hubatswe ibyumba by'Amashuri 73 n'ubwiherero 146 mu Bigo by'Amashuri 9, Umuyoboro w'Amazi wa 23 Km n'Isoko ry'Amatungo rya Ryarubondo.

# ABARIMU N'ABANYESHURI BO MU ISHURI RIKURU RYA GISIRIKARE RYA NYAKINAMA RYASUYE IBIKORWAREMEZO BY'AMASHANYARAZI MU KARERE



**V/M ASOC UWAMARIYE yakiriye itsinda ry'Abarimu n'Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama**

Ku wa 13 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda rigizwe n'Abarimu n'Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama riherereye mu Karere ka Musanze bari mu rugendoshuri rwo kureba uko ibikorwaremezo by'ingufu z'amashanyarazi byifashe mu Karere ka Nyamagabe.

Abari bagize iri tsinda ryari riyobowe na Brigadier General Jean Chrysostome NGENDAHIMANA, babanje kugaragarizwa mu nyandiko uko Akarere gahagaze mu gukwirakwiza amashanyarazi mu baturage, imiyoboro y'umuriro w'amashanyarazi iri kubakwa, ingomero z'amashanyarazi zigera kuri 3 ziri mu Karere n'akamaro zifitiye abaturage baturanye nazo.



**Babanje kwerekwa mu nyandiko uko ibikorwa by'amashanyarazi bihagaze mu Karere**

Mbere yo gusoza urugendoshuri bagiriraga mu Karere ka Nyamagabe, basuye urugomero rw'amashanyarazi rwa Rukarara ya mbere ruherereye mu Murenge wa Kibirizi, basobanurirwa imikorere yarwo.

Brigadier General Jean Chrysostome NGENDAHIMANA wari uyoboye iri tsinda ry'Abarimu n'Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama yashimye uburyo Akarere ka Nyamagabe kita ku bikorwaremezo by'amashanyarazi, anashima ko biri kwihutishwa cyane mu kugezwa ku baturage.





**Mbere yo gusoza uruzinduko rwabo babanje gusura Urugomero rw'Amashanyarazi rwa Rukarara ya mbere**

# URUBYIRUKO RWO MU KARERE RWAHAWE IKIGANIRO KU MATEKA Y'U RWANDA NO KURI "NDI UMUNYARWANDA"



**Urubyiruko rwitabiriye ikiganiro cyatanzwe ku mateka y'u Rwanda**

Ku wa 16 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye Honorable Senateri Emmanuel HAVUGIMANA na Honorable Depite UWAMARIYA Veneranda bo mu Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rishinzwe gukumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) basuye Akarere ka Nyamagabe, baha Urubyiruko rwari ruhagarariye urundi, ikiganiro kibanze ku mateka y'u Rwanda by'umwihariko aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kuri gahunda "Ndi Umunyarwanda".

Honorable Senateri HAVUGIMANA yavuze ko mbere yuko Abakoloni baza mu Rwanda, Abanyarwanda babanaga neza, ariko nyuma yo kwinjira mu Gihugu, batangira kubakwirakwizamo amacakubiri yaje kugeza u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yakomeje avuga ko nyuma yaho Ingabo zahoze ari iza RPA zihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, u Rwanda rwiyubatse haba mu iterambere no mu Bumwe bw'Abanyarwanda.

Yasabye Urubyiruko gutahiriza umugozi umwe birinda icyabacamo ibice kandi bagakora bakiteza imbere kuko Igihugu kibaha amahirwe yose ashoboka.



**V/M ASOC UWAMARIYA ni we wakiriye Abagize Inteko Ishinga Amategeko bayahe Urubyiruko, ikiganiro kibanze ku mateka y' u Rwanda**

Nyuma y'ibiganiro, Urubyiruko rwahawe umwanya rubaza ibibazo ndetse rutanga ibitekerezo.

Ibyifuzo Urubyiruko rwari ruhagarariye urundi mu Karere ka Nyamagabe rwatanze byibanze ku gushyira imbaraga mu kwigisha Amateka y'u Rwanda mu Mashuri.

Honorable Senateri HAVUGIMANA na Honorable Depite UWAMARIYA bemereye barwemereye ko bagiye gukora ubuvugizi ku nzego zibishinzwe kuko kuko iki kibazo na bo bakizi.

Ku rundi ruhande, Urubyiruko rwo mu Karere ka Nyamagabe narwo rwiyemeje ko rugiye kurwanira ku mbuga nkoranyamaga, intambara n'abagoreka Amateka y'u Rwanda.

# INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE IVUGURUYE YA 2023-2024



**Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe**

Ku wa 17 Gashyantare 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama.

Bimwe mu byo yemeje birimo ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2023-2024.

Yemeje kandi gahunda ivuguruye yo gutanga amasoko ya Leta, inemeza imishinga y'inyungu rusange itandukanye.



**Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO ni we wayoboye iyi nama isanzwe**

Iyo mishanga irimo uwo kubaka inzu y'ababyeyi ku Kigo Nderabuzima cya Mugano, imiyoboro y'amazi nk'uwa Rugano, mu Murenge wa Musebeya ukagera mu Murenge wa Mushubi.



**Umujyanama NIYOMWUNGERI atanga igitekerezo**

Iyi nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje kandi umushinga wo kwishyura abasenyewe n'inkangu mu Murenge wa Nkomane n'uwo kubaka ikigega cy'ibirayi mu Murenge wa Buruhukiro n'umushinga wo kuvugurura Stade Nyagisenyi.

Mu bindi iyi nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 17 Gashyantare 2024 yarebeye hamwe, harimo aho inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022 zigeze zishyirwa mu bikorwa.

Mu bindi iyi nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 17 Gashyantare 2024, ni ibiciro by'ingendo zikorwa mu Karere hagati n'Abakozi b'Akarere,

# ABAKOZI BO MU BUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA BW'UMURYANGO UNITY CLUB BASUYE IBIKORWA WAKOREYE MU MURENGE WA CYANIKA



**Umuyobozi w'Akarere yakiriye E.S wa Unity Club Madame IYAMUREMYE n'Abakozi bakorana**

Ku wa 19 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umuryango Unity Club, bari bayobowe n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo Madame Régine IYAMUREMYE.

Bari baje gusura ibikorwa bitandukanye Umuryango Unity Club wubatse mu Murenge wa Cyanika.

Umuyobozi w'Akarere yashimiye ibikorwa byiza bya Unity Club byazanye impinduka nziza mu mibereho n'imibanire y'Abaturage b'Umurenge wa Cyanika.

Nyuma yo kwakirwa n'Umuyobozi w'Akarere, baherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA, Abakozi bo mu Bunyamabanga bw'Umuryango Unity Club basuye ibikorwa bitandukanye uyu Muryango wubatse mu Murenge wa Cyanika ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Ibyo birimo Inzu Mberabyombi "ISANO Community Center" yubatswe binyuze mu Mushinga SAEMAUL ZERO HUNGER COMMUNITIES.

Iyi Nzu Mberabyombi yagize uruhare rukomeye cyane mu bikorwa by'isanamitima, guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse n'ubusabane mu baturage b'Umurenge wa Cyanika.




**Inzu Mberabyombi ya Isano Community Center yagize uruhare mu kongera kubanisha Abaturage bo mu Cyanika**

Basuye kandi Ishuri ry'Incuke kuri G.S Ngoma, ibyumba 4 by'amashuri "smart classrooms" na Laboratwari kuri G.S Rugogwe, Ishuri Ryisumbuye ry'Ubumenyi-ngiro rya Cyanika n'Urwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika na byo byubatswe na Unity Club ku bufatanye n'Abafatanyabikorwa batandukanye.

Ubuyobozi n'abatuye Umurenge wa Cyanika barashima ibikorwa by'umushinga byeze imbuto nziza, bakabishimira Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME.

Uru ruzinduko rwasojwe no kunamira inzirakarengane ziruruhukiye muri uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika ruruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi basaga ibihumbi 40 no gutera igiti cy'umurinzi mu busitani bwarwo.

# UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATOREWE KUYOBORA KOPERATIVE Y'ABAMOTARI Y'AKARERE GUHARANIRA ITERAMBERE RY'ABABATOYE




**Abamotari bitoreye Abayobozi ba Koperative yabo nshya, nyuma yuko izo babarizwagamo baziseshe**

Kuva ku wa 20 kugeza ku wa 21 Gashyantare 2024, abatwara abagenzi kuri moto bazwi nk'Abamotari bo mu Karere ka Nyamagabe bari mu gikorwa cyo gutora abagiye kuyobora Koperative yabo.

Aya matora aje nyuma yuko mu mwaka ushize wa 2023, Koperative z'Abamotari zo mu Karere ka Nyamagabe kimwe n'ahandi hose mu Gihugu ziseshwe ku bushake bw'Abanyamuryango bazo bavugaga ko babonaga aho kubateza imbere zibagusha mu bihombo.

Ku wa 20 Gashyantare, hatowe abantu 50 bagize Inteko Rusange ya Koperative, naho ku wa 21 Gashyantare 2024 hatorwa abagize Komite Nyobozi n'abagize Komite Ngenzuzi.



**Abamotari bahagaritse akazi kugira ngo bitorere Abayobozi**

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI witabiriye aya matora yombi yasabye abatowe guharanira iterambere ry'ababagiriye icyizere bakabatora.

Yasabye kandi Abamotari kurushaho kurangwa n'imyitwarire myiza kugira ngo barusheho gutera imbere.

Yaragize ati: "Mwebwe mwatowe, murasabwa gukorera neza ababatoye. Ndabizeza ko iyi Koperative igiyeho ije kubateza imbere aho kubahombya nk'uko byahozeho kuko nta faranga na rimwe muzongera gusabwa kuyishyiramo. Ubu Leta ni yo izajya ishyiramo ayo mafaranga. Ntimuzongera guhemba Abakozi ba Koperative kuko ari Leta izajya ibihembera. Ikindi kandi n'ibikoresho azakoresha ndetse n'ibiro azajya akoreramo, byose bizajya bibazwa Leta. Rero, bitewe nuko ayo mwayishoragamo ni Leta igiye kujya iyashyiramo, murasabwa kuyashora mu bizatuma munoza imitangire ya serivisi ndetse n'ibyabateza imbere."



**Mayor NIYOMWUNGERI yasabye abatorewe kuyobora Koperative y'Abamotari guharanira iterambere ry'ababagiriye icyizere**

## ABAKOZI B'AKARERE BAHAWE IKIGANIRO KU ITEGEKO RYO KURWANYA RUSWA



**Abakozi b'Akarerebahawe ikiganiro ku Itegeko ryerekeye kurwanya ruswa**

Ku wa 22 Gashyantare 2024, Abakozi b'Akarere bakorera ku rwego rw'Akarere bahawe ikiganiro ku Itegeko ryerekeye kurwanya ruswa cyatanzwe na Bwana Mbishibishi Maurice, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe.

Muri iki kiganiro cyanitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, yasobanuye icyo ruswa ari cyo, ubwoko bwayo, uburyo itangwamo, ingaruka n'ibihano byayo ndetse n'ingamba zo kuyikumira no kuyirwanya.

Abakozi b'Akarere bahawe umwanya batanga ibiterezo, banabaza ibibazo.



**Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe Bwana Mbishibishi ni we watanze ikiganiro**

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye Abakozi b'Akarere gutahiriza umugozi umwe mu gukumira no kurwanya ruswa kuko ari kimwe mu byaha bidindiza iterambere ry'Igihugu.



**Mayor NIYOMWUNGERI nawe yakurikiranye iki kiganiro**

Ingingo ya 4 y'Itegeko N°54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa ivuga ko umuntu wese usaba, utanga cyangwa wakira, mu buryo ubwo ari bwo bwose, indonke iyo ari yo yose, kuri we cyangwa ku wundi muntu cyangwa wemera amasezerano yabyo kugira ngo akore cyangwa adakora ikiri mu nshingano ze cyangwa yifashishije imirimo ye kugira ngo gikorwe cyangwa kidakorwa aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'Urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'indonke yatse cyangwa yakiriye. Ibi bihano kandi ni na byo bihabwa umuntu wese utanga cyangwa usezeranya gutanga, mu buryo ubwo ari bwo bwose, indonke iyo ari yo yose kugira ngo hatangwe cyangwa hadatangwa serivise.

# UMUGANDA RUSANGE USOZA GASHYANTARE WIBANZE KU BIKORWA BYO GUKUMIRA IBIZA NO KURWANYA ISURI



**Umuganda Rusange wa Gashyantare ku rwego rw'Igihugu wibanze ku gukumira ibiza no kurwanya isuri**

Ku wa 24 Gashyantare 2024, Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe bifatanyije n'abatuye mu Midugudu itandukanye, mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare wibanze ahanini ku kurwanya isuri no gukumira ibiza.

Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2024, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yawukoranye n'Abaturage bo mu Murenge wa Mugano, mu gihe Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Thaddée HABIMANA, we yawukoranye n'abatuye mu Murenge wa Cyanika, by'umwihariko mu Kagari ka Karama.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Agnès UWAMARIYA, Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare yawukoreye mu Kagari ka Mukongoro ko mu Murenge wa Gatare.

Ibikorwa by'Umuganda Rusange wa Gashyantare 2024, byibanze ku gukumira ibiza, kurwanya isuri, gutera no gukurikirana imikurire y'ibiti byatewe.

Nyuma y'Umuganda hatanzwe ubutumwa bwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) bukangurira abaturage kugira isuku no kurwanya ubukene binyuze muri gahunda ya "GiraWigire".

Abaturage kandi bamenyeshejwe Sisiteme Imibereho.

Hatanzwe kandi ubutumwa bwo kubungabunga ibiti byatewe bw'Ikigo cy'Igihugu kita ku Bidukikije, REMA.



**V/M FED HABIMANA yifatanyije n'Abaturage bo mu Cyanika**

Imibereho

Dynamic Social Registry System

*195#

**Mu butumwa bwatanzwe harimo n'ubwa Sisitemu "Imibereho."**

# INAMA NGARUKA GIHEMBWE YO KWIGA KU NGAMBA ZO GUHANGANA N'IKIBAZO CY'IMIRIRE MIBI MU BANA YABAYE HASHIMWA URUHARE RWA BURI WESE MURI URU RUGAMBA



**Abitabiriye inama yo kwiga kungamba zo guhanga n'imirire mibi mu bana**

Ku wa 28 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye inama ngaruka gihembwe y'umushinga wo kurwanya imirire mibi mu Karere Ka Nyamagabe no guteza imbere imikorere y'Ingo Mbonezamikurire y'Abana bato, ECDs izwi nka (SPRP Quartelry Coordination Meeting).

Inama yitabiriwe na bamwe mu Bayobozi b'Amashami, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abakozi b'Imirenge n'ab'Utugari bafite aho bahurira n'imibereho myiza, abakora mu rwego rw'Ubuzima kuva ku Karere kugera ku Kagari n'Abafatanyabikorwa b'Akarere bafite aho bahuriye na gahunda yo guhangana n'imirire mibi mu Karere barimo SOS, Orora Wihaze, Hinga Wunguke n'abandi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yashimye uruhare rwa buri wese mu guhangana n'imirire mibi.



**V/M ASOC yashimye uruhare rwa buri wese mu guhangana n'ikibazo cy'imirire mibi mu bana**

Muri iyi nama hafashwe imyanzuro itandukanye irimo uw'uko abana bose bagaragaweho igwingira mu Cyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'Umwana n'Umubyeyi cyabaye mu Ukuboza 2023 bagomba kongera gupimwa bikaba byarangiye bitarenze tariki ya 01 Werurwe 2024, kuba buri kweziurugo rufite umwana uri mu mirire mibi rugomba gusurwa n'ibyiciro binyuranye hagamije gukurikirana uwo mwana n'iyindi.



**Mu bitabiriye iyi nama harimo n'Abafatanyabikorwa b'Akarere**

# NYAMAGABE- HABAYE INAMA NYUNGURANGABITEKEREZO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE N'ABAFATANYABIKORWA



**Inama nyunguranabitekerezo ya CNF n'Abafatanyabikorwa**

Ku wa 29 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye inama nyunguranabitekerezo y'Inama y'Igihugu y'Abagore( CNF) mu Karere n'Abafatanyabikorwa b' Akarere.

Kimwe mu byagarutsweho muri iyi nama, harimo aho imihigo ya Mutimawurugo y'umwaka wa 2023-2024 yo mu nkingi zose igeze yeswa.

Hagarutswe kandi ku myiteguro y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore uba buri mwaka ku wa 08 Werurwe.

Abafashe ijambo bagarutse ku gufasha imiryango kurara heza aho byibuze buri rugo rugomba kuzaba rufite matela 3.

Ibibazo by'igwingira n'imirire mibi mu bana na cyo cyagarutsweho muri iyi nama aho buri wese yasabwe kugira uruhare mu kubirandura.

Umugoroba w'Imiryango na wo wagarutsweho aho abitabiriye iyi nama basabwe gushyira imbaraga mu gushishirariza abaturage kuwitabira.

Nyuma y'iyi nama y'Inama y'Igihugu y'Abagore, habaye indi ya Rwanda Women's Network.

Rwanda Women's Network ni Umuryango ufasha abahuye n'ihohotera rishingiye ku gitsina gukira ibikomere no kububakira ubushobozi.

Mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'iterambere mu bukungu, uyu Muryango kandi uhugura abagore ku ishoramari, ukanashyigikira imishinga yabo.

Mu rwego rwo kumvikanisha ijwi ry'umugore, uyu Muryango unashyigikira abagore kujya mu nzego z'Ubuyobozi.



**Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo ya CNF n'Abafatanyabikorwa**



**HABYARIMANA Jean-Hellen, Umuyobozi w'Umushinga Hindura Twiyubake wa Rwanda Women's Network**

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060